



# IBIKORWA BYAKOZWE MURI TLC

## 2017 -2018







**Pastor BUCURA David**

Transformational Leadership Center (TLC) ni umuryango watangiye ufite intego yo kwigisha inyigisho za Gikristo abakozi b'Imana, watangiye 1998 nyuma ya Genocide yakorewe Abatutsi, wahoze ari komisiyo ya TEE (Theological Education by Extension). Izo nyigisho zari izo kwigisha ijambo ry'Imana aba Pasitori bo mu matorero atandukanye babaga batarabonye amahirwe yo kubyigira mu mashuri yabigenewe ahanitse.Inyigisho zarakomeje ariko bigeze mu mwaka wa 2008, umuyobozi mushya wa komisiyo ya TEE yagaragaje ko hari izindi program zikwiye kongerwa mu nyigisho zatagwaga, harimo kwihaza mu birimbwa, inyigisho z'amahoro,

*ndetse n'amahugurwa ku buyobozi bwiza, kuva muri 2009 uhindurirwa n'Izina witwa Transformational Leadership Center(TLC). Kuri ubu TLC ikorana n'inzego zose abantu bakuru ndetse n'abana ibitewemo inkunga na Mennonite Central Committte (MCC) AGLI, FUR BRUDER, n'abandi batandukanye n'ubwitange bw'abanyamuryango mu ishyirwa mu bikorwa n'intego zayo. Ubu Transformational Leadership Center ikaba ari umuryango ufite ibikorwa bitandukanye nkuko twabigaragaje kuri page ziribukurikire.*

# AMAGAMBO Y'IMPINE

| | |
|---|---|
| TLC | Transformational Leadership Center |
| PDN | Peace Development Network |
| CA | Conservation Agriculture |
| MCC | Mennonite Central Committee |
| CFGB | Canadian Food Grains Bank |
| AGLI | African Great Lakes Initiative |
| FFS | Farmer Field School |
| IAMU | Ishuri ry'Abahinzi Mu murima |
| IPM | Integrated Pest Management |
| DAP | Fosifate na Diyamoniyumu |
| NPK | Ifumbire igizwe na Azote, Fosifore na Potasium |
| AESA | Agro Echo System |
| GM/CC | Green Manure Cover Crops |
| T/Ha | Toni kuri Hegitari |
| KG(S) | Kilogarama |
| RBA | Rwanda Broadcasting Agence |
| VSLA | Village Saving For life and Loan Association |
| VA | Village Agent |

# IRIBURIRO

6



1. Ibikorwa byo Mu masomero



2. Ubuhinzi Bubungabunga Ubutaka



3. Kubitsa no kugurizanya



4. Ubukorikori mu bategarugori



5. Isesengura Miterere



6. Imurikabikorwa mu karere ka Gicumbi




Looking for the Queen


Children's
Peace
LIBRARY

Igice cya 1

# IBIKORWA BITANDUKANYE BYO MU ISOMERO 2017- 2018

*Mu rwego rwo kwimakaza umuco wo gusoma cyane mu bana Umuryango TLC washyizeho amasomero y' abana (Children's Peace Library) aherereye mu turere dutandukanye, Akarere ka Gicumbi, umurenge wa byumba, akagari ka Gacurabwenge.*
*Akarere ka Kicukiro, umurenge wa Gatenga,*
*Akarere ka Musanze, umurenge wa Kimonyi n'akarere ka Rubavu, umurenge wa Kanzenze, n'umurenge wa Gisenyi.*

*Kuri ayo masomero yose abana bakaba bemererwa kuza gusoma ku buntu ndetse no gutira ibitabo bakajya gusomera iwabo.*

## IMIBARE Y'ABANA BITABIRIYE GUSOMA NDETSE N'IBINDI BIKORWA BYAKOZWE KU MASOMERO MU MWAKA WA 2017-2018

### A. ISOMERO RYA GICUMBI

| ABANA BASOMEYE KU ISOMERO | | ABANA BATIYE IBITABO | | ABANA BAHUGUWE UBUHUZA MU RUNGANO | | ABANA BIGISHIJWE MUDASOBWA | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| *Abakobwa* | *629* | *Abakobwa* | *806* | *Abakobwa* | *170* | *Abakobwa* | *40* |
| *Abahungu* | *541* | *Abahungu* | *510* | *abahungu* | *158* | *Abahungu* | *38* |
| **Bose hamwe** | **1170** | **Bose hamwe** | **1316** | **Bose hamwe** | **328** | **Bose hamwe** | **78** |



*Abana Bicaye basoma ibitabo*





# IKORANABUHANGA

UMURYANGO TLC UMAZE KUBONA
KO IGIHE TUGEZEMO IKORANABUHANGA
RIRUSHAHO GUTERA IMBERE
KANDI RINAKENEWE,
AHO BYINSHI BIKORESHWA NA ZA
MUDASOMBWA,
UMURYANGO TLC WATEKEREJE KUBANA
B'ABANYESHURI BAZA MU MASOMERO,
USHYIRAHO IBYUMBA BYA MUDASOBWA
MU MASOMERO AMWE N'AMWE BIJYANYE
N'UBUSHOBOZI, KUGIRANGO ABANA
BADASIGARA MU ITERAMBERE

## GICUMBI LIBRARY



# UBUHUZA MU RUNGANO

## PEER MEDIATION





Gicumbi



Kigali



Kanzenze



Musanze

TLC yakomeje gutekereza uburyo bwo kwimakaza umuco w'Amahoro mu bana isanga bikwiye ko abana bamenya kwikemurira amakimbirane mu mahoro bakiri bato ihitamo kuzajya itanga amahugurwa ku banyeshuri bo mu bigo bitandukanye biga mu mwaka wa kane kugeza mu wa gatandatu, abakobwa n'abahungu aho bahugurwa uburyo bwiza bwo gukemura amakimbirane hagati yabo nkuko bigaragara ku mafoto akurikira abana 328 barimo abahungu n'abakobwa muri Gicumbi,bahawe amahugurwa y'ubuhuza mu rungano (peer mediation) baturutse kubigo by'amashuri abanza Inyange na Gacurabwenge no muri Kigari Hahuguwe abana77 ba G.S Kicukiro abahungu nabakobwa nkuko bigaragara na kanzenze hahuguwe abana 80 abahungu n'abakobwa.

*ABANA BAHUGUWE BOSE HAMWE MURI UYU MWAKA 2017/2018 NI ABANA 485*





# AMATSINDA YO GUKEMURA AMAKIMBIRANE MU RUNGANO

Nyuma yo guhugurwa uburyo bwo gukemura amakimbirane, abanyeshuri bahuguwe bashyizeho Itsinda ry'amahoro rifasha abandi( Peace Club),iryotsinda rikaba ritanga ubutumwa kuri bagenzi babo bwo kwirinda amakimbirane no kuyakemura ribinyujije mumikino n'imivugo.

# IBIKORWA BYO MU KIRUHUKO

Mu rwego rwo gushishikariza abana gusoma mu gihe cy'ibiruhuko,amasomero ategura ibindi bikorwa bitari ugusoma gusa nk'amarushanwa (Competion) ajyanye no kuvuga incamake y'ibitabo basomye ndetse n'ibiganiro mpaka(Debate) inkuru zishushanyije kubijyanye no gusoma byose bigakorwa mu rurimi rw'icyongereza. Umuryango TLC utegurira kandi ibihembo abana bitabiriye amarushanwa Birimo ibikoresho by'ishuri.







# KURWANYA IBIYOBYABWENGE

binyuze mu isomero ry'abana rya Gicumbi, abanyeshuli 30 baturutse ku bigo bitandukanye basuwe n 'urubyiruko rw 'abakorerabushake baturutse mu muryango wa International Service Volunteers bakaba baraganiriye n'abana kubijyanye no kwirinda ibiyobyabwenge,kuvumbura impano zabo,ndetse n'ubumenyi kugukoresha mudasobwa.






Igice cya 2

# UBUHINZI BUBUNGABUNGA UBUTAKA MU KARERE KA GICUMBI, MATA 2017-2018

*Mu rwego rwo gushyigikira*
*gahunda ya Leta*
*yo kurwanya ubukene bukabije,*
*kubufatanye bwa*
*Transformational Leardeship Center(TLC)*
*na Mennonite Central Committee" (MCC)*
*batangije uburyo bwo gufasha*
*abanyarwanda kwigira no kwivana*
*mu bukene binyuze mu buhinzi*
*bubungabunga ubutaka.*





*Iyi gahunda yatangiranye n'amatsinda abiri (2) nkuko biba biteganijwe burimwaka, aya matsinda akaba ari Itsinda TWIYUBAKE rigizwe n' abanyamuryango mirongo itatu (30) harimo abagore makumyabiri (20) n'abagabo icumi (10) rikaba rikorera mu murenge wa Rukomo. Irindi ni Itsinda TWITEZIMBERE rikorera mu Murenge wa Byumba, rigizwe nabanyamuryango mirongo itatu (30) abagabo batandatu ( 6) naho abagore (24).*



# UMUSARURO W'IGIHEMBWE CYA MBERE CY'IHINGA 2018 (SAISON A, 2018)

***Muri rusange umusaruro w'igihembwe cya mbere cy'ihinga 2018 ntabwo wagenze neza cyane, bitewe n'imbogamizi zituruka ku ihindagurika ry'ikirere nk'izuba ry'inshi cyangwa imvura nyinshi. Dore uko umusaruro w'igihembwe cya mbere cy'ihinga 2018 wari uhagaze nkuko imbonerahamwe zibigaragaza ku matsinda uko ari abiri TWIYUBAKE na TWITEZIMBERE***



| IGIHINGWA | CA | UBWOKO BW'IMBUTO YATEWE | INGANO Y'IMBUTO | UBUSO | IFUMBIRE YAKORESHEJWE | ITARIKI YO GUHINGA | ITARIKI YO GUSARURA | UMUSA-RURO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Ibirayi | | Rwangume | 150 Kg | Area 7,5 | Imbonerahamwe T1Kg 250 NPK 17 -17 12 Kg | 27/12/2017 | 27/12/2017 | 52 Kg 28 |
| | Uburyo busanzwe | Rwangume | 150 Kg | Are 7,5 | Imborera T1Kg 250 NPK 17-17-17 12kG | 18/09/2017 | 27/09/2017 | T1Kg 8 |

| IGIHINGWA | CA | UBWOKO BW'IMBUTO YATEWE | INGANO Y'IMBUTO | UBUSO | IFUMBIRE YAKORESHEJWE | ITARIKI YO GUHINGA | ITARIKI YO GUSARURA | UMUSARUROMU-SARURO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Ibishyimbo | Uburyo bubunga-bunga ubutaka | Mwirasi | 6 Kg | Are 8 | Imbonerahamwe T1,400 DAP 8 Kg | le 14/09/2017 | 20/01/2018 | Kg 126 |
| | Uburyo busanzwe | Mwirasi | 3 Kg | Are 4 | IMBORERA 800Kg | 14/09/2017 | 20/01/2018 | 34 kg |







# IGIHEMBWE CY'IHINGA B 2018

*Mu itsinda TWIYUBAKE n'Itsinda TWITEZIMBERE Umusaruro w'igihembwe cya 2 cy'ihinga ntabwo wagenze neza kubera imvu zimihindagurikire y'ikirere habaye imvura nyinshi cyane yica imyaka.*

## IBIGORI

| IGIHINGWA | CA | UBWOKO | INGANO Y'IMBUTO | UBUSO | IFUMBIRE YAKORESHEJWE | ITALIKI YO GUTERA | IYO GUSARURA | UMUSARURO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| IBIGORI | | SEC 405 | 6Kg | 12are | Imborera Imvaruganda10Kg | 14/3/2018 | 30/6/2018 | 49Kg |

## IBISHYIMBO

| IGIHINGWA | CA | UBWOKO | INGANO Y'IMBUTO | UBUSO | IFUMBIRE YAKORESHEJWE | ITALIKI YO GUTERA | GUSARURA | UMUSARURO |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| IBISHYIMBO | | MWIRASI | 7Kgs | 14ares | Imborera T2 Imvaruganda14kg NPK | 25/3/2018 | 17/7/2018 | 96Kgs |



## UMUNSI WO GUSOZA ICYICIRO CYA MBERE CY'UBUHINZI BUBUNGABUNGA UBUTAKA MU KARERE KA GICUMBI (Umunsi w'Umurima)

*Gahunda yo gusoza icyiciro cya mbere cy' ishuri ry'abahinzi mu murima cyabereye aho imirimashuri iherereye, itsinda TWIYUBAKE riherereye mu murenge wa Rukomo ninaho iki gikorwa cyabereye naho itsinda TWITEZIMBERE riherereye mu murenge wa Byumba naho niho iki gikorwa cyabereye.*
*Iyi gahunda yahuje abayobozi batandukanye n'abahinzi yaba ab'inzego bwite za leta kuva ku buyobozi bukuru bw'akarere kugeza k'ubuyobozi bw'umudugudu, n'ubuyobozi bw'abaterankunga muri ubu buhinzi bubungabunga ubutaka aribo MCC (Mennonite Central Committee), n'abahinzi batari mu matsinda babashije kubishyira mubikorwa kugiti cyabo. iyo gahunda yateguwe na TLC Rwanda.*









# UMUNSI WO GUSOZA IKICIRO CY'ISHURI RY'ABAHINZI MU MURIMA

*Abari bitabiriye uwo muhango bakurikije ho igikorwa cy'isuzumabumenyi kubahinzi bijyanye n'ubuhinzi bubungabunga ubutaka kubyo bari bamaze umwaka biga utsinze agahebwa amasuka abiri .ibi bigakorwa hagamijwe kunganira abahinzi kugirango barusheho kwibukiranya kubijyanye n'ubu buhinzi.*









**Igikorwa cyo gutanga impamyabumenyi (certificate) kuri buri mugenerwabikorwa witabiriye iki cyiciro cy'amatsinda yahinze muri gahunda y'ubuhinzi bubungabunga ubutaka.**

*Abayobozi n'Abahinzi bishimiye intera aba bahinzi bagezeho bishyirahamwe mu rwegwo rwo kwihutisha iterambere haba kuribo ndetse niry'igihugu muri rusange binyuze muri ubu buryo bushya bwo guhinga tubungabunga ubutaka bwacu doreko ari nagahunda shya idasanzwe itandukanye n'ubuhinzi bwa gakondo.*

# ABAHINZI BAHINGA MU BURYO BUBUNGABUNGA UBUTAKA KU GITI CYABO

*Iyi gahunda yagiye yitabirwa n'abahinzi ku giti cyabo ndetse n'andi matsinda y'abahinzi batari muri gahunda y'ubuhinzi bubungabunga ubutaka nyuma yo kubona umusaruro ushimishije uturuka mu mirimashuli. Ku mafoto akurikira murahasanga umuhinzi ku giti cye wahinze mu buryo bubungabunga ubutaka:*
*Hakizimana Jean d'Amour utuye mu murenge wa byumba ugaragara ku ifoto atera umuti ibirayi na Mukampamo Monique utuye mu murenge wa Rukomo ugaragara ku ifoto ari mu murima usasiye na Nzabamwita Charles ugagarara ku ifoto ari mu murima w'ibirayi na Nyiransabimana Denyse ugaragara ku ifoto mu murima w'ingano,hari n'abandi bagiye babishyira mu bikorwa ndetse batari no mu matsinda y'abahinzi.*






# IBIKORWA BYITERAMBERE ABAGENERWABIKORWA BAMAZE KWIGEZAHO



Abagenerwabikorwa bishimiye iterambere bamazekugeraho biturutse kubumenyi bw'ubuhinzi bushya butanga umusaruro ushimishije babifashijwemo na Transformation Leadership Center (TLC) kubufatanye na MCC.

Abahinzi bibumbiye mu matsinda babashije nabo kwiteza imbere aho babashije Kwiyishyurira ubwisungane mu kwivuza, kugura amatungo magufi bakaziturirana (korozanya),amafaranga y'ishuri y'abanyeshuri,kwikodeshereza indi mirima mu rwego rwo kwagura ubuhinzi bwabo.Ikindi bungukiyemo ni ugutinyuka gukorana n'ibigo by'imari biciriritse nka BDF na SACCO ari naho aya matsinda yafunguje konti kugirango bajye babikaho amafaranga aturuka mu misaruro iva mu buhinzi bubungabunga ubutaka.



Itsinda Twisungane mu gikorwa cyo korozanya

# Umurima we w'Ingano

## AKARERE KA GICUMBI



# Igice cya 3 GAHUNDA MU MATSINDA YO KUBITSA NO KUGURIZANYA (VSLA) MU KARERE KA GICUMBI MATA 2017- MATA 2018








Bimwe mu bibuza abantu amahoro ni ubukene buturuka kutamenya guteganyiriza ubuzima bw'igihe kizaza no gukoresha nabi umutungo akaba ariyo mpamvu hatekerejwe gahunda yo gutoza abaturage bo mu Karere ka Gicumbi,mu murenge wa Rukomo na Byumba umuco wo kuzigamira ubuzima binyuze mu matsinda yo kubitsa no kugurizanya dufashwamo n'umuryango MCC.
Kuva muri 2015 kugera 2018, ikaba ikaba itanga inkunga ifasha mu mishahara y'abafashamyumvire no gutanga ubushobozi (amahugurwa) n'ibikoresho.

Muri gahunda yo Kuzigamira ubuzima dukora ubukangurambaga butandukanye mu rwego rwo gushishikariza abaturage kwibumbira mu matsinda yo kuzigamira ubuzima, bahereye ku bushobozi buke bafite.

Abaturage Mbere yo gutangira itsinda babanza guhabwa inyigisho n'abafashamyu-mvire nyuma y'izo nyigisho nibwo batangira kwizigamira buri cyumweru bitewe n'umunsi n'isaha bemeranijeho.




Muri uyu mwaka 2017-2018, hakozwe amatsinda 74 yo kuzigamira ubuzima, akaba abarizwa mu murenge wa Rukomo n'umurenge wa Byumba, mu karere ka Gicumbi. Ayo matsinda yizigama mu gihe kingana n'amezi 9, akagabana amafaranga bizigamye hariho n'inyungu yabonetse mubagujiji muri ayo matsinda. bakajya guhigura imigo bahizi mu miryango yabo. Muri gicumbi, hari abafashamyumvire babiri(Field Staffs) n'abakorera bushake 10, batanu mu murenge wa Rukomo n'abandi batanu mu murenge wa byumba.
Mu rwego rwo korohereza abafashamyumvire kugera ku kazi ku gihe cyane mu matsinda yo kuzigamira ubuzima aherereye mu byaro hirya no hino, hatanzwe indi moto, yiyongera kuyatanzwe umwaka ushize.



# Urutonde rw'abakorerabushake bafasha amatsinda mu murenge wa Rukomo na Byumba

| AMAZINA Y'ABAKORERABUSHAKE | UMUBARE W'AMATSINDA | AHO BAKORERA(UMURENGE) |
|---|---|---|
| AYINKAMIYE Pascasie | 7 | Byumba |
| UWAMARIYA Leocadie | 6 | Byumba |
| NIRERE Odette | 2 | Byumba |
| UWIMPAYE Yvette | 9 | Byumba |
| NYIRAMAJYAMBERE | 5 | Byumba |
| BAZIRAMWABO Emmanuel | 5 | Rukomo |
| HAKIZIMANA Pascal | 2 | Rukomo |
| TUYISENGE Emil | 6 | Rukomo |
| UWIMANA Claudine | 6 | Rukomo |
| MUKANDIBUTSE Vivianne | 4 | Rukomo |

***ABAFASHAMYUMVIRE BO MU KARERE KA GICUMBI*:**

1. ***HATUYUMUHANGA Isaac***
2. ***MUSABYEMALIYA Vestine***



## AMWE MU MATSINDA AKORERA MU MURENGE WA RUKOMO N'UWA BYUMBA

***Itsinda TUZAMURANE I ryo mu kagari ka Mabare n'itsinda TWISUNGANE II ryo mu kagari ka Kinyami biga inyigisho zijyanye no kuzigamira ubuzima mbere yo gutangira kwizigama.***





*itsinda Tuzamurane ryo kubitsa no kugurizanya*



***Itsinda ABANYAKURI I ryo mu Kagari ka Gisuna n'itsinda TWIYUBAKE II ryo mu Kagari ka Gacurabwenge bari mugikorwa cyo kugabana nyuma y'amezi icyenda.***



***Itsinda ABATARAMBIRWA n'itsinda SHIRUBUKENE yo mu Kagari ka Munyinya mu gikorwa cyo kwizigama.***

*Itsinda DUTERANINKUNGA ryo mu Kagali ka Gisiza n'Itsinda TWIZERANE I ryo mu kagali ka Munyinya mugikorwa cyo Kwizigama Nkuko bisanzwe itsinda ritangira gutanga inguzanyo mubanyamuryango nyuma y'ibyumweru bine bizigama bishyura mu mezi atatu hariho n'inyungu yagenwe n'itsinda.*





***Itsinda TWISUNGANE II ryo mu akagari ka Kinyami n'Itsinda TWITEZIMBERE II ryo mu kagari ka Kinyami mu gikorwa cyo kugurizanya Ibikorwa byo kwizigamira no kugurizanya birakomeza, amezi icyenda yakuzura rikagabana.***

***Iri tsinda rihererey e mu Kagali ka Murama,umurenge wa Byumba riri mugikorwa cyo kurasa kuntego basoje amezi icyenda.( kugabana. Itsinda ABANYAKURI I ryo mu Kagari ka Gisuna n'itsinda TWIYUBAKE II ryo mu Kagari ka Gacurabwenge bari mugikorwa cyo kugabana nyuma y'amezi icyenda. Buri tsinda iyo ritangiye icyiciro cya mbere, rihabwa ibikoresho byo kwifashisha mu gihe batangiye ibikorwa byo kwizigama muri ibyo harimo, agasanduku ko kubikamo ibikoresho by'itsinda n'udutabo 25 twabanyamuryango,bahabwa utubase 2 bifashisha mu kwizigama, n'uduhago tubiri (ak'Inguzanyo n'ak'Ingoboka), bahabwa kandi ikaye y'abanyamuryango n'ibindi bikoresho byifashishwa mu kunoza umurimo wo kuzigamira ubuzima.***

## IMBONERAHAMWE IGARAGAZA ISHUSHO RUSANGE Y'AMATSINDA MU KARERE KA GICUMBI, UMURENGE WA BYUMBA

| AKARERE | ABAKOZI | AMATSINDA | ABANYAMURYANGO | | AMAFARANGA ABITSE 2017/2018 | AMAFARANGA ARI MU NGUZANYO 2017/2018 | IGITERANYO AMAFARANGA 2017/2018 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | GABO | GORE | | | |
| Gicumbi | Field Staff= 1 | 36 | 523 | 693 | 1,138,560 | 11,826,440 | 12,965,000 |

## IMBONERAHAMWE IGARAGAZA ISHUSHO RUSANGE Y'AMATSINDA MU KARERE KA GICUMBI, UMURENGE WA RUKOMO

| AKARERE | ABAKOZI | AMATSINDA | ABANYAMURYANGO | | AMAFARANGA ABITSE 2017/2018 | AMAFARANGA ARI MU NGUZANYO 2017/2018 | IGITERANYO AMAFARANGA 2017/2018 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | | GABO | GORE | | | |
| Gicumbi | Field Staff=1 | 39 | **306** | **660** | **4,165,955** | **16,498,250** | 20,664,205 |

## AMATSINDA YAGABANYE MU MURENGE WA BYUMBA , NYANKENKE NA RUKOMO

| AMATSINDA | IGIHE | AMAFARANGA YAGABANYWE | UMURENGE |
|---|---|---|---|
| 13 | 07/2017-4/2018 | 15,744,289 | Byumba |
| 1 | 03/2018 | 3,735,180 | Nyankenke |
| 1 | 04/2018 | 1,578,870 | Rukomo |

## UBUHAMYA BWA BAMWE MUBANYAMURYANGO B'AMATSINDA

*NSABIMANA Eduard abarizwa mu itsinda ABISHYIZEHAMWE riherereye Gisiza mu mudugudu wa Ntarengwa akaba yaratse inguzanyo ingana n'ibihumbi ijana(100,000RWF) avugurura inzuye aguramo n'amabati mashya arayisakara,ubu yishimira ko yarangije kwishyura inguzanyo akaba avuga ko iri tsinda ryamufashije cyane kuko kuvugurure iyi nzu yasigiwe n'iwabo byari byaramunaniye ariko ubu akaba yarabigezeho.*



## *2*

*Twifuje kubasangiza ubuhamya bwa bamwe mubanyetsinda ariko bitavuze ko aribo bonyine bavuga ibyiza bakesha kuba mu matsinda aho bibafasha gukemura ibibazo bimwe nabimwe bahura nabyo mu buzima bwabo bwa buri munsi nko kubasha kwirihira ubwisungane mu kwivuza, kugura imirima,kurihira abana amashuli ,kwifashisha mumishinga iciriritse n ibindi. Nkuko intego dufite ariyo kwikura mu bukene duhereye ku bushobozi buke dufite binyuze muri gahunda yo kuzigamira ubuzima ni muri urwo rwego umusore witwa ABIRINGIYIMANA Remy umwe mu banyamuryango b'itsinda Amizero y'ejo hazaza utuye mu Kagari Gacurabwenge yiteje imbere binamukura mu bwigunge aho abonanira n'abandi bakungurana ibitekerezo ibi abikesha itsinda mbere yo kujyamo yacuruzaga Amakarita ya Telefone ariko akimara kujya mu itsinda atangira aguza 120,000Frw yongeraho 30,000Frw yari afite agura ishyamba amaze kwishyura iyo nguzanyo yongeye kwaka andi 120,000Frw azana umugezi mu rugo iwabo mu Kagali ka Gacurabwenge, umudugudu wa Rwasama. Ikindi avuga ko kuba mu itsinda byamutinyuye gukoresha inguzanyo kugeza ubwo atinyutse ku gana ibigo by imari kugira ngo yagure ubucuruzi bwe. Ubu akaba yaragujije muri SACCO amafaranga 500,000Frw yongeraho agera ku bihumbi Magana abiri by'itsinda afungura boutique iciriritse harimo computer imwe na scanner imwe nkuko bigaragara ku ifoto.*




Undi wagerageje kwitezimbere ni uyu mukobwa witwa HAGENIMANA Claudine utuye mu Kagali ka Gacurabwenge umudugudu wa Gacurabwenge.Umukobwa ugaragara ku ifoto mu ibutike yemeza ko nta kiza nko kuba mu matsinda yo kuzigamira ubuzima kuko iyi boutique ahagazemo ariyo arikesha biturutse ku nguzanyo yagujije mu bihe bitandukanye. Yatangiye aguza ibihumbi mirongo ine(40,000RWF) arangura ibintu bike bitandukanye arayishyura, arongera aguza andi kugeza ubwo ubucuruzi bwe bufatika. Avuga ko mbere yo kugana amatsinda ibyo yakeneraga byose yasabaga ababyeyi be, kandi bimugoye rwose ariko ubu akaba nta kibazo kuko ibyo akeneye byose arabyigurira, avuga ko kandi yabashije kwihangira umurimo dore ko yararangije amashuri yisumbuye nta kazi.




KABERA Jacqueline abarizwa mu itsinda ABISHYIZEHAMWE, ubwambere yagujije inguzanyo ingana n'ibihumbi mirongo ine (40,000 RWF) aguramo ihene ebyiri zimaze kubyara arazigurisha hamwe n'izazo bamuha ibihumbimirongo icyenda (90,000RWF) yongeraho ibihumbimirongo itandatu (60,000RWF) yari afite aguramo umurima w'ibihumbi ijana na mirongo itanu (150,000RWF).




BAZIRAMWABO Emmanuel abarizwa mu matsinda abiri ariyo TUZAMURANE I na TWISHAKEMO UBUKIRE yagujije inguzanyo ingana n'ibihumbi mirongo inani (80,000 RWF) muri TUZAMURANE I yongera aguza ibihumbi mirongo icyenda (90,000 RWF) mu itsinda TWISHAKEMO UBUKIRE maze yongeraho ibihumbi mirongo itandatu 60,000 RWF)yari afite agura inka ihagaze ibihumbi Magana abiri na mirongo itatu (230,000 RWF).

# GAHUNDA YO GUFASHA ABAGORE KWITEZA IMBERE BINYUZE MU BUKORIKORI

Igice cya 4







Mu rwego rwo gufasha abagore kwigira no kwiteza imbere, Umuryango TLC washyizeho gahunda yo kubashishikariza kwibumbira mu itsinda, bagakora ibijyanye n'ubukorikori buri wese akigira kuri mugenzi we. Bimaze kugarako harimo abazi ubukorikori butandukanye burimo gukora Inigi, Carte postales,Kudodesha imashini, kuboha Imitako itandukanye. Bakomeje kwigishanya bityo bituma bose bagira ubumenyi mu gukora ubukorikori butandukanye.

Iyi gahunda yatumye bamwe babasha kuva mu bwigunge no kubasha no kwivana mu bukene, kwikemurira ibibazo bitandukanye no gukataza mu iterambere.





*Itsinda TUGIRUBUKIRE mu mirimo yo kuboha, Inigi, ibiseke, Cartes Postale, n'ibindi*

Igice cya **5**

# ISESENGURAMITERERE (SITUATION ASSESSMENT)

Ni igikorwa cyateguwe kubufatanye bwa PDN (Peace and Development Network ), MCC na TLC. Iki gikorwa cyakorewe mu Karere ka Gicumbi, umurenge wa Rukomo na Nyamiyaga. kuva tariki ya 4 niya 5 Mata 2018. Iki gikorwa ni ubushakashatsi bwari bugamije gusesengura binyuze mu biganiro hamwe n'abayobozi ndetse n'abaturage batuye mu mirenge ya Rukomo na Nyamiyaga. Bityo hakamenyekana amakuru ajyanye no kwihaza mu biribwa kugira ngo hasuzumwe ibikenewe nyuma y'imyaka itatu(3) TLC imaze ikorana n'abaturage mu Karere ka Gicumbi muri programu yo guhinga tubungabunga ubutaka.





*Amakuru yabonetse azifashishwa mu cyiciro cy'imyaka 3 kizakurikiraho mu mushinga wo guhinga tubungabungaubutaka. Muri iki gikorwa tariki 4/4/2018, habajijwe amatsinda ane(4) y'abantu 15 buri tsinda, ni ukuvuga abantu 60 muri mirenge yombi, abagore mirongo itatu(30) n'abagabo mirongo itatu(30)0. Tariki 5/4/2018 habajijwe abantu batandatu(6) muri buri murenge batabarirwa mu matsinda, abagore batatu(3) n'abagabo batatu(3) ndetse n'abayobozi b'ibanze baraganirijwe nabo bagira icyo babivugaho.*





# IMBOGAMIZI

*Igice cya mbere:*

## AMASOMERO Y'ABANA

- Ikibazo cy'ibikoresho bidahagije mu masomero birimo intebe, ameza yo gusomeraho.
- Imyumvire ikiri hasi ku babyeyi bamwe na bamwe batohereza abana babo mu masomero.
- Ubushobozi budahagije bwo guhemba abakozi bafasha abana mu masomero.

*Igice cya kabiri:*

## GAHUNDA YO KUZIGAMIRA UBUZIMA

- Ibihe by'imvura nyinshi bituma abafasha myumvire batagera ku matsinda ku gihe.
- Imyumvire y'abaturage mu kwizigamira ikiri hasi.
- Ibibazo by'abanyamuryango bamwe bafata inguzanyo bakananirwa kwishyura mu matsinda amwe na mwe.

Igice cya Gatatu:

## UBUHINZI BUBUNGABUNGA UBUTAKA

- Ihindagurika ry'ikirere ryagiye ryangiriza imyaka
- Ubujura bw'imyaka
- Indwara zimwe na zimwe zataka ibihigwa mu butaka, urugero nka nkongwa idasanzwe yibasiye igihingwa cy'ibigori
- Amwe mu mafumbire yananiwe ubutaka mu duce tumwe na tumwe, nk'ifumbire y'icyatsi nkuko mubizi ko ari ibyatsi dutera akenshi byanga kumera cyangwa byamera udusimba tukabirya bikiri bito.

Igice cya kane :

## UBUKORIKORI

- Kubura amasoko yo kugurishamo ibyo bakoze.
- Ibikoresho bihenze.
- Imyumvire ikiri hasi yo gukorera mu matsinda.

# IBYIFUZO

*Kongerera ubushobozi umuryango TLC mu rwego rwo gukomeza gushyira mu bikorwa ibikorwa by'iterambere.*

# IBITEGANIJWE

*Mu rwego rwo gukomeza urugamba rw'iterambere,binyuze muri gahunda yo kuzigamira ubuzima, Ubuhinzi bubungabunga ubutaka, kwimakaza umuco wo gusoma mu bana duteganya ibi bikurikira:*

- ♣*Gukomeza gushishikariza abaturage kwibumbira mu matsinda yo kuzigamira ubuzima*
- ♣*Gukomeza kwigisha abari mumatsinda ndetse n'abatayarimo gukoresha uburyo bwiza bw'ubuhinzi bubungabunga ubutaka.*
- ♣*Gukomeza gushishikariza ababyeyi n'abana umuco wo gusoma ndetse no kongera ibyumba by'amasomero.*
- ♣*Gukomeza kongerera abana ubumenyi kuri mudasobwa.*
- ♣*Kongerera ubushobozi amasomero.*
- ♣*Kwagura ibikorwa byama club y'abana mu rwego rwo gukwirakwiza ibikorwa by'amahoro.*
- ♣*Kongerera ubumenyi ndetse n'ubushobozi abafashamyumvire n'abakorerabushake.*

# GUSHIMIRA

*Turashimira ubuyobozi bw'igihugu cyacu cy'u Rwanda kuri gahunda zitandukanye zijyanye n'iterambere ndetse no kurwanya ubukene mu rwego rwo gufasha abatura rwanda. Turashimira kandi abateranku ngabacu aribo MCC badahwema kutuba hafi no kutwongera ubushobozi mu buryo butandukanye kugira ngo iterambere rigere kuri buri wese. Turashimira abafatanyabiko rwa bacu kumuhati bagira murwego rwo kwihutisha iterambere, turashimira abafashamyumvire ndetse n' abakorera bushake mu nzego zose haba abafasha mu matsinda yo kuzigamira ubuzima, haba abo mu matsinda y'ubuhinzi bubunga bunga ubutaka, Turashima cyane abatoza abana gusoma, kumenya ibijyanye n'ikoranabuhanga, kubigisha uburyo bwo kwikemurira amakimbirane mu mahoro. Umuryango TLC wabigize intego nyamukuru kuko ibi aribyo "isoko y'iterambere rirambye".*

*Umuyobozi Nshingwabikorwa wa TLC*
*BUCURA David*
*MURAKOZE*